Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
**Akarere ka Rubavu**

# ITANGAZO RYIBUTSA ABASORA KWISHYURA IMISORO.

Hashingiwe ku itegeko nº 048/2023 ryo kuwa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage ;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu k'ubufatanye n'ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) buramenyesha abafite imitungo ikodeshwa (ubutaka, amazu), ko bihutira kumenyekanisha no kwishyura inyungu z'ubukode umwaka wa 2024 , uwishyura ubukode ni umuntu wese wakira ubukode buri **hejuru y'ibihumbi mirongo itatu (30,000 Frw) ku kwezi** , icyo gikorwa kibera ku bakozi b'Irembo no kuri buri Murenge .

Buramenyesha kandi abakora ibikorwa by'ubucuruzi ko bihutira kwishyura umusoro w'ipatanti igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2025 , barasabwa kwegera abakozi b'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) bakamenyekanisha ndetse bakishyura iyo misoro.

Itariki ntarengwa yo kwishyura iyo misoro ni 31/01/2025.

**Icyitonderwa** : Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu buributsa abafite ibyapa byamamaza n'iminara y'itumanaho n'abatarishyuye umusoro k'umutungo utimukanwa (Property tax) ko bakwihutira kumenyekanisha no kwishyura kugira ngo inyungu n'ibihano by'ubukererwe bidakomeza kwiyongera kuko itariki ntarengwa yarangiye tariki ya 31/12/2024.

Twishyure neza umusoro, twiyubakire igihugu .

AKARERE KA RUBAVU

**RUHAMYAMBUGA Olivier.**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rubavu

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburengerazuba
**Akarere ka Rubavu**

# ITANGAZO RYIBUTSA ABASORA KWISHYURA IMISORO.

Hashingiwe ku itegeko nº 048/2023 ryo kuwa 05/09/2023 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage ;

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu k'ubufatanye n'ikigo cy'igihugu cy'imisoro n'amahoro (RRA) buramenyesha abafite imitungo ikodeshwa (ubutaka, amazu), ko bihutira kumenyekanisha no kwishyura inyungu z'ubukode umwaka wa 2024 , uwishyura ubukode ni umuntu wese wakira ubukode buri **hejuru y'ibihumbi mirongo itatu (30,000 Frw) ku kwezi** , icyo gikorwa kibera ku bakozi b'Irembo no kuri buri Murenge .

Buramenyesha kandi abakora ibikorwa by'ubucuruzi ko bihutira kwishyura umusoro w'ipatanti igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2025 , barasabwa kwegera abakozi b'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro (RRA) bakamenyekanisha ndetse bakishyura iyo misoro.

Itariki ntarengwa yo kwishyura iyo misoro ni 31/01/2025.

**Icyitonderwa** : Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu buributsa abafite ibyapa byamamaza n'iminara y'itumanaho n'abatarishyuye umusoro k'umutungo utimukanwa (Property tax) ko bakwihutira kumenyekanisha no kwishyura kugira ngo inyungu n'ibihano by'ubukererwe bidakomeza kwiyongera kuko itariki ntarengwa yarangiye tariki ya 31/12/2024.

Twishyure neza umusoro, twiyubakire igihugu .

AKARERE KA RUBAVU

**RUHAMYAMBUGA Olivier.**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Rubavu